<p>by'umwaka bya Polisi y'u Rwanda na raporo ziyana na byo;</p> <p>(d) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Polisi y'u Rwanda no kuyishyikiriza urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(e) kwemeza amategeko ngengamikorere ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(f) kwemeza urutonde rw'abapolisi basabirwa kwirukanwa mbere yo gushyikirizwa urwego rubifitiye ububasha kugira ngo rubifateho icyemezo;</p> <p>(g) kwemeza abandi bapolisi bashyirwa mu bagize Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(h) gusuzuma raporo y'ubugenzuzi bwite bwa Polisi y'u Rwanda ku mikoreshereze n'imicungire by'imari n'umutungo no kuyifataho ibyemezo;</p> <p>(i) kwemeza impano n'indagano;</p>	<p>(d) to approve the draft budget proposal of Rwanda National Police and submit it to the competent authority;</p> <p>(e) to approve rules and regulations of Rwanda National Police;</p> <p>(f) to approve the list of police officers proposed for dismissal before being submitted to the competent authority to decide on the dismissal;</p> <p>(g) to approve other police officers to be appointed as members of Rwanda National Police High Council;</p> <p>(h) to examine the report of Rwanda National Police internal audit on the use and management of finance and property and take decisions thereon;</p> <p>(i) to approve donation and bequest;</p>	<p>du Rwanda ainsi que les rapports y relatifs;</p> <p>(d) approuver l'avant-projet du budget de la Police Nationale du Rwanda et le soumettre à l'autorité compétente;</p> <p>(e) approuver le règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(f) approuver la liste des policiers proposés au licenciement avant d'être soumise à l'autorité compétente pour statuer sur le licenciement;</p> <p>(g) approuver d'autres policiers devant être nommés membres du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(h) examiner le rapport d'audit interne de la Police Nationale du Rwanda sur la gestion des finances et du patrimoine et prendre des décisions à cet égard;</p> <p>(i) approuver les dons et legs;</p>
--	--	--

<p>(j) gufata icyemezo ku bindi bintu byose biri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13: Abagize Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda</u></b></p> <p>Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) Umuyobozi Mukuru wa Polisi, ari we muyobozi wayo;</p> <p>(b) Abayobozi bakuru bungirije ba Polisi;</p> <p>(c) Abayobozi b'amashuri ya Polisi;</p> <p>(d) Abakomiseri ba Polisi;</p> <p>(e) Abayobozi b'amashami n'imitwe yihariye bya Polisi;</p> <p>(f) ba Komanda b'Intara n'ab'Uturere bya Polisi;</p> <p>(g) abandi bapolisi bemezwa n'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda.</p>	<p>(j) to decide on all other matters under the responsibilities of Rwanda National Police.</p> <p><b><u>Article 13: Composition of the Rwanda National Police High Council</u></b></p> <p>The Rwanda National Police High Council is composed of the following members:</p> <p>(a) the Inspector General of Police, who is the chairperson;</p> <p>(b) Deputy Inspectors General of Police;</p> <p>(c) Commandants of Police Schools;</p> <p>(d) Police Commissioners;</p> <p>(e) Heads of Police departments and specialised units;</p> <p>(f) Regional and District Police Commanders;</p> <p>(g) other police officers approved by the Rwanda National Police High Council.</p>	<p>(j) décider sur tous les autres sujets relevant des attributions de la Police National du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 13: Composition du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p>Le Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda est composé des membres suivants:</p> <p>(a) l'Inspecteur Général de Police, qui en est le président;</p> <p>(b) les Inspecteurs Généraux Adjoints de la Police;</p> <p>(c) les Commandants des Écoles de la Police;</p> <p>(d) les Commissaires de Police;</p> <p>(e) les Chefs de départements et des unités spécialisées de la Police;</p> <p>(f) les Commandants de Police au niveau de Région et de District;</p> <p>(g) d'autres policiers approuvés par le Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 14: Umwanditsi w'inama y'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda</u></b></p> <p>Umuyobozi w'Ishami rifite imicungire y'abakozi mu nshingano ni we mwanditsi w'inama y'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 15: Imikorere y'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda</u></b></p> <p>Amategeko ngengamikorere ya Polisi y'u Rwanda akena imikorere y'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda</u></b></p> <p>Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda ifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mushinga w'iteganyabikorwa ry'igihe kirekire n'uwa gahunda y'ibikorwa by'umwaka mbere y'uko</p>	<p><b><u>Article 14: Rapporteur of the meeting of Rwanda National Police High Council</u></b></p> <p>The Chief of the Department in charge of human resource management is the rapporteur of the meeting of Rwanda National Police High Council.</p> <p><b><u>Article 15: Functioning of Rwanda National Police High Council</u></b></p> <p>The internal rules and regulations of Rwanda National Police determines the functioning of Rwanda National police High Council.</p> <p><b><u>Section 2: Rwanda National Police Senior Management Council</u></b></p> <p><b><u>Article 16: Responsibilities of Rwanda National Police Senior Management Council</u></b></p> <p>Rwanda National Police Senior Management Council has the following responsibilities:</p> <p>(a) to assess and provide views on the strategic plan and annual action plan before they are submitted to Rwanda National Police High Council;</p>	<p><b><u>Article 14: Rapporteur de la réunion du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p>Le Chef du Département en charge de la gestion des ressources humaines est le rapporteur de la réunion du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 15: Fonctionnement du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p>Le règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda détermine le fonctionnement du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p><b><u>Section 2: Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p><b><u>Article 16: Attributions du Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p>Le Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda a les attributions suivantes:</p> <p>(a) examiner et donner des vues sur le projet du plan stratégique et du plan action annuel avant qu'il soit soumis au Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda;</p>
---	--	--



<p>bishyikirizwa Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(b) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Polisi y'u Rwanda mbere y'uko ishyikirizwa Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(c) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mushinga w'amategeko ngengamikorere ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(d) gukurikirana no gufata ibyemezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iteganyabikorwa ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa by'umwaka n'iry'imicungire y'abakozi, iy'imari n'iy'umutungo;</p> <p>(e) gusuzuma urutonde rw'abapolisi basabirwa kwirukanwa;</p> <p>(f) gusuzuma ibindi bintu byose birebana n'imikorere ya buri muni ya Polisi y'u Rwanda.</p>	<p>(b) to assess and provide views on the draft budget proposal of Rwanda National Police before it is submitted to Rwanda National Police High Council;</p> <p>(c) to assess and provide views on the rules and regulations of Rwanda National Police;</p> <p>(d) to monitor the implementation of the strategic plan, action plan and the management of personnel, finances and property and take decisions thereon;</p> <p>(e) to examine the list of police officers proposed for dismissal;</p> <p>(f) to consider all other matters relating to the day-to-day functioning of Rwanda National Police.</p>	<p>(b) examiner et donner des vues sur l'avant-projet du budget de la Police Nationale du Rwanda avant qu'il soit soumis au Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(c) examiner et donner des vues sur le règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(d) assurer le suivi de la mise en œuvre du plan stratégique, du plan d'action et de la gestion du personnel, des finances et du patrimoine et prendre des décisions à cet égard;</p> <p>(e) examiner la liste des policiers proposés au licenciement;</p> <p>(f) examiner toutes les autres questions relatives au fonctionnement quotidien de la Police Nationale du Rwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda</b></p> <p>Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda igizwe n'aba bakurikira:</p>	<p><b><u>Article 17:</u> Members of the Rwanda National Police Senior Management Council</b></p> <p>The Rwanda National Police Senior Management Council is composed of the following members:</p>	<p><b><u>Article 17:</u> Composition du Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda</b></p> <p>Le Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda est composé de membres suivants:</p>

<p>(a) Umuyobozi Mukuru wa Polisi, ari we muyobozi wayo;</p> <p>(b) Abayobozi Bakuru Bungirije ba Polisi;</p> <p>(c) Abayobozi b’Amashuri ya Polisi;</p> <p>(d) Abayobozi b’amashami n’ab’imitwe yihariye bya Polisi;</p> <p>(e) Umuyobozi w’Ibiro by’Umuyobozi Mukuru wa Polisi;</p> <p>(f) abandi bayobozi bashobora kugenwa na Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y’u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y’u Rwanda.</b></p> <p>Umuyobozi w’Ishami rifite amategeko mu nshingano ni we mwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y’u Rwanda.</p>	<p>(a) Inspector General of Police, who is the chairperson;</p> <p>(b) Deputy Inspectors General of Police;</p> <p>(c) Commandants of Police Schools;</p> <p>(d) Heads of Police departments and specialised units;</p> <p>(e) the Principal Staff Officer to the Inspector General of Police;</p> <p>(f) other heads of services who may be determined by the Executive Commissioner’s Office of Rwanda National Police.</p> <p><b><u>Article 18:</u> The rapporteur of the Rwanda National Police Senior Management Council</b></p> <p>The Head of the Department in charge of legal affairs is the rapporteur of the Rwanda National Police Senior Management Council.</p>	<p>(a) l’Inspecteur Général de Police, qui en est le président ;</p> <p>(b) les Inspecteurs Généraux Adjointes de la Police;</p> <p>(c) les Commandants des Écoles de la Police;</p> <p>(d) les Chefs de départements et des unités spécialisées de la Police;</p> <p>(e) le Chef du Bureau de l’Inspecteur Général de Police;</p> <p>(f) d’autres chefs de services qui peuvent être désignés par le Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil de la Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda</b></p> <p>Le Chef du Département chargé des affaires juridiques est le rapporteur de la réunion du Conseil de la Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 19: Imikorere y’Inama y’Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y’u Rwanda</u></b></p> <p>Amategeko ngengamikorere ya Polisi y’u Rwanda akena imikorere y’Inama y’Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 19: Functioning of the Rwanda National Police Senior Management Council</u></b></p> <p>The internal rules and regulations of Rwanda National Police determines the functioning of the Rwanda National Police Senior Management Council.</p>	<p><b><u>Article 19: Fonctionnement du Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p>Le règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda détermine le fonctionnement du Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda.</p>
<p><b><u>Iciviro cya 3: Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y’u Rwanda</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Inshingano za Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y’u Rwanda</u></b></p>	<p><b><u>Section 3: Executive Commissioner’s Office of Rwanda National Police</u></b></p> <p><b><u>Article 20: Responsibilities of the Executive Commissioner’s Office of Rwanda National Police</u></b></p>	<p><b><u>Section 3: Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p> <p><b><u>Article 20: Attributions du Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda</u></b></p>
<p>Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y’u Rwanda ifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kuyobora no guhuza ibikorwa bya buri muni bya Polisi y’u Rwanda;</p> <p>(b) gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama Nkuru ya Polisi y’u Rwanda;</p> <p>(c) gutegura umushinga w’amategeko ngengamikorere ya Polisi y’u Rwanda no kuwushyikiriza Inama y’Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y’u Rwanda;</p>	<p>The Executive Commissioner’s Office of Rwanda National Police has the following responsibilities:</p> <p>(a) to supervise and coordinate the daily activities of Rwanda National Police;</p> <p>(b) to implement decisions of the Rwanda National Police High Council;</p> <p>(c) to prepare draft of internal rules and regulations of Rwanda National Police and submit it to the Rwanda National Police Senior Management Council;</p>	<p>Le Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda a les attributions suivantes:</p> <p>(a) superviser et coordonner les activités quotidiennes de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(b) exécuter les décisions du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(c) préparer le projet de règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda et le soumettre au Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda;</p>

<p>(d) gutegura umushinga w'iteganyabikorwa ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa by'umwaka na raporo y'ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda no kuwushyikiriza Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(d) prepare the draft strategic plan, annual action plan and report of Rwanda National Police activities and submit them to The Rwanda National Police Senior Management Council;</p>	<p>(d) préparer le projet du plan stratégique, plan d'action annuel et le rapport d'activités de la Police Nationale du Rwanda et de les soumettre au Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>(e) gutegura imbazirizamushinga w'ingengo y'imari no kuyishyikiriza Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(e) to prepare draft budget and submit it to the Rwanda National Police Senior Management Council;</p>	<p>(e) préparer l'avant-projet du budget et le soumettre au Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>(f) gutegura umushinga w'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo;</p>	<p>(f) to prepare the draft organisational structure;</p>	<p>(f) préparer le projet de structure organisationnelle;</p>
<p>(g) gukurikirana imicungire y'abakozi n'imikoreshereze y'imari n'umutungo;</p>	<p>(g) to monitor human resource management and the use of finance and property;</p>	<p>(g) faire le suivi de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation des finances et du patrimoine;</p>
<p>(h) gushyiraho amabwiriza n'uburyo bw'imikorere mu gutunganya inshingano za Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(h) to establish instructions and procedural requirements for the discharge of Rwanda National Police mission;</p>	<p>(h) établir les instructions et les modalités d'accomplissement de la mission de la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>(i) gushyiraho no gukurikirana gahunda z'ibikorwa byo guteza imbere imibereho myiza y'umupolisi;</p>	<p>(i) to establish and monitor action plans for police welfare;</p>	<p>(i) établir et assurer le suivi des plans d'action visant à promouvoir le bien-être du policier;</p>
<p>(j) gutegura urutonde rw'abapolisi basabirwa kwirukanwa;</p>	<p>(j) to prepare the list of police officers proposed for dismissal;</p>	<p>(j) préparer la liste des policiers proposés au licenciement;</p>

<p>(k) kugena abandi bapolisi basabirwa kuba mu bagize Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(l) gukora indi nshingano yahabwa n'Urwego rubifitiye ububasha ijyanye n'inshingano za Polisi y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y'u Rwanda n'uburyo bashyirwaho</b></p> <p>(1) Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y'u Rwanda igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) Umuyobozi Mukuru wa Polisi;</p> <p>(b) Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ibikorwa;</p> <p>(c) Umuyobozi Mukuru wungirije wa Polisi ushinzwe ubutegetsi n'abakozi.</p> <p>(2) Abagize Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y'u Rwanda bashyirwa mu myanya n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>(k) to designate other police officers proposed to be appointed as members of Rwanda National Police High Council;</p> <p>(l) to perform such other duty related to Rwanda National Police mission as may be assigned to it by the competent authority.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Members of the Executive Commissioner's Office of Rwanda National Police and modalities of their appointment</b></p> <p>(1) The Executive Commissioner's Office of Rwanda National Police is composed of the following members:</p> <p>(a) the Inspector General of Police;</p> <p>(b) the Deputy Inspector General of Police in charge of operations;</p> <p>(c) the Deputy Inspector General of Police in charge of Administration and personnel.</p> <p>(2) Members of the Executive Commissioner's Office of Rwanda National Police appointed by a presidential Order.</p>	<p>(k) désigner d'autres policiers proposés en tant que membres du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(l) exécuter toute autre tâche liée aux attributions de la Police Nationale du Rwanda, qui peut lui être assignée par l'autorité compétente.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Membres du Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda et modalités de leur nomination</b></p> <p>(1) Le Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda est composé de membres suivants:</p> <p>(a) l'Inspecteur Général de Police;</p> <p>(b) l'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé des opérations;</p> <p>(c) l'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé de l'administration et du personnel.</p> <p>(2) Les membres du Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda nommés par arrêté présidentiel.</p>
--	--	---

<p>(3) Iteka rya Perezida rishobora kandi kugabanya cyangwa kongera umubare w'Abayobozi Bakuru Bungirije ba Polisi rikanagena inshingano zabo.</p>	<p>(3) A presidential Order may also increase or reduce the number of Deputy Inspectors General of Police and determine their responsibilities.</p>	<p>(3) Un arrêté présidentiel peut également réduire ou augmenter le nombre des Inspecteurs Généraux Adjoints de Police et déterminer leurs attributions.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa Polisi</u></b></p>	<p><b><u>Article 22: Responsibilities of the Inspector General of Police</u></b></p>	<p><b><u>Article 22: Attributions de l'Inspecteur Général de Police</u></b></p>
<p>Umuyobozi Mukuru wa Polisi ayobora Polisi y'u Rwanda yita ku nshingano zikurikira:</p>	<p>The Inspector General of Police leads Rwanda National Police taking into account the following responsibilities:</p>	<p>L'Inspecteur Général de Police dirige la Police Nationale du Rwanda en tenant compte des attributions suivantes:</p>
<p>(a) guhuza ibikorwa bya buri muni bya Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(a) ensure coordination of daily activities of the Rwanda National Police;</p>	<p>(a) assurer la coordination des activités quotidiennes de la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>(b) gukurikirana ko umutekano w'abantu n'ibintu wubahirizwa;</p>	<p>(b) to ensure that the safety of people and property is maintained;</p>	<p>(b) veiller à ce que la sécurité des personnes et des biens soit assurée;</p>
<p>(c) gutumiza no kuyobora inama y'Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda, inama y'Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'u Rwanda n'inama ya Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(c) to convene and chair the meeting of Rwanda National Police High Council, the meeting of the Rwanda National Police Senior Management Council and the meeting of the Executive Commissioner's Office of Rwanda National Police;</p>	<p>(c) convoquer et présider la réunion du Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda, la réunion du Conseil de Direction Supérieure de la Police Nationale du Rwanda et de la réunion du Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda;</p>
<p>(d) gukurikirana ibyerekeye gutegura no gushyira mu bikorwa iteganyabikorwa ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa by'umwaka na raporo y'ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(d) to monitor the preparation and implementation of the strategic plan, annual action plan and report of Rwanda National Police activities;</p>	<p>(d) faire le suivi de la préparation et de l'exécution du plan stratégique, du plan d'action annuel et le rapport d'activités de la Police Nationale du Rwanda;</p>

<p>(e) kugaba abapolisi hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>(f) gukurikirana ko abapolisi bubahiriza inshingano bahabwa n'amategeko;</p> <p>(g) gukurikirana ko abapolisi barangwa n'imyitwarire myiza;</p> <p>(h) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za Polisi y'u Rwanda yahabwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>(e) to deploy police officers in accordance with relevant legislation;</p> <p>(f) to ensure that police officers comply with duties assigned to them by law</p> <p>(g) to ensure that police officers exhibit discipline;</p> <p>(h) to perform such other duty related to Rwanda National Police mission as may be assigned to it by the competent authority.</p>	<p>(e) déployer les policiers conformément à la législation en la matière;</p> <p>(f) veiller à ce que les policiers respectent les missions leur assignées par la loi;</p> <p>(g) veiller à ce que les policiers fassent preuve de discipline;</p> <p>(h) exécuter toute autre tâche liée aux attributions de la Police Nationale du Rwanda, qui peut lui être assignée par l'autorité compétente.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ibikorwa</b></p>	<p><b><u>Article 23:</u> Responsibilities of the Deputy Inspector General of Police in charge of operations</b></p>	<p><b><u>Article 23:</u> Attributions de l'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé des opérations</b></p>
<p>Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ibikorwa afite inshingano zikurikira:</p>	<p>The Deputy Inspector General of Police in charge of operations has the following responsibilities:</p>	<p>L'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé des opérations a les attributions suivantes:</p>
<p>(a) kunganira Umuyobozi Mukuru wa Polisi mu kazi no kumusimbura igihe adahari;</p> <p>(b) gukurikirana imitegurire y'ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(a) to assist the Inspector General of Police in his or her duties and to deputize him or her in case of absence;</p> <p>(b) to ensure proper planning of operations of Rwanda National Police;</p>	<p>(a) assister l'Inspecteur Général de Police dans ses fonctions et le suppléer en cas d'absence;</p> <p>(b) veiller à la planification des opérations de la Police Nationale du Rwanda;</p>

<p>(c) gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza ngenderwaho y'ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(d) gukurikirana ibikorwa by'ubushakashatsi ku byaha bukorwa na Polisi y'u Rwanda, hagamijwe kubikumira, kubitahura no kubirwanya;</p> <p>(e) gukora undi murimo uri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda yahabwa n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi.</p>	<p>(c) to monitor compliance with standard of Rwanda National Police activities;</p> <p>(d) to monitor research activities conducted by Rwanda National Police on offenses with a view to detecting, preventing and combating them;</p> <p>(e) to perform such other duty falling under Rwanda National Police mission as may be assigned to him or her by the Inspector General of Police.</p>	<p>(c) veiller au respect des procédures opérationnelles normalisées des activités de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(d) faire le suivi des activités de recherche menées par la Police Nationale du Rwanda sur les infractions, en vue de les détecter, prévenir et de le combattre;</p> <p>(e) exécuter toute autre tâche liée aux attributions de la Police Nationale du Rwanda, qui peut lui être assignée par l'Inspecteur Général de Police.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ubutegetsi n'abakozi</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ubutegetsi n'abakozi afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kunganira Umuyobozi Mukuru wa Polisi mu kazi, kumusimbura iyo we n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Polisi ushinzwe ibikorwa badahari;</p>	<p><b><u>Article 24: Responsibilities of the Deputy Inspector General of Police in charge of administration and personnel</u></b></p> <p>The Deputy Inspector General of Police in charge of administration and personnel has the following responsibilities:</p> <p>(a) to assist the Inspector General of Police in his or her duties, to deputize for him or her in case of his or her absence and in the absence of the Deputy Inspector General of Police in charge of operations;</p>	<p><b><u>Article 24: Attributions de l'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé de l'administration et du personnel</u></b></p> <p>L'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé de l'administration et du personnel a les attributions suivantes:</p> <p>(a) assister l'Inspecteur Général de Police dans ses fonctions, le suppléer en son absence et en l'absence de l'Inspecteur Général Adjoint de Police chargé des opérations;</p>



<p>(b) gukurikirana imikorere y'abakozi n'amicungire y'imari n'umutungo bya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(c) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho mu byerekeranye n'icungamari, kubika inyandiko, igenzura n'umutekano w'inyandiko zijyanye na byo hakoreshejwe uburyo bwo kwikorera igenzura na raporo ngarukagihe;</p> <p>(d) gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko agenga imyitwarire muri Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(e) gukurikirana gahunda yo kongerera ubushobozi abapolisi n'abandi bakozi ba Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(f) gukora undi murimo uri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda yahabwa n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi.</p>	<p>(b) to ensure functioning of human resources and management of finance and property of Rwanda National Police;</p> <p>(c) to monitor the implementation of policies, regulations and standards on financial accounting, recording, audit and safety of related records through self-auditing mechanisms and periodic report back;</p> <p>(d) to ensure compliance with disciplinary regulations in Rwanda National Police;</p> <p>(e) to monitor the program related to the empowerment of police officers and other staff members of Rwanda National Police;</p> <p>(f) to perform any other duty falling within the responsibilities of Rwanda National Police as may be assigned by the Inspector General of Police.</p>	<p>(b) assurer le fonctionnement des ressources humaines et la gestion finances et du patrimoine de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(c) faire le suivi de la mise en œuvre des politiques, des procédures et des normes sur la comptabilité financière, la documentation, l'audit et la sécurité des documents connexes aux moyens de mécanismes d'auto-audit et de rapports périodiques;</p> <p>(d) veiller au respect d'ordre disciplinaire au sein de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(e) assurer le suivi du programme de renforcement des capacités des policiers et autres membres du personnel de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(f) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de la Police Nationale du Rwanda lui confiée par l'Inspecteur Général de Police.</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Irahira ry’abagize Komisariya Nshingwabikorwa ya Polisi y’u Rwanda</b></p> <p>Mbere yo gutangira imirimo, Umuyobozi Mukuru wa Polisi n’Abayobozi Bakuru Bungirije ba Polisi barahirira mu ruhamwe imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa n’Itegeko Nshinga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Manda y’Umuyobozi Mukuru wa Polisi n’Abayobozi Bakuru bungirije ba Polisi</b></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru wa Polisi n’Abayobozi Bakuru Bungirije ba Polisi bagira manda y’imyaka itanu ishobora kongerwa.</p> <p>(2) icyakora, Umuyobozi Mukuru wa Polisi n’Abayobozi Bakuru Bungirije ba Polisi bashobora kuva mu myanya yabo manda itararangira no gusimburwa hakurikijwe ibiteganywa na sitati yihariye igenga abapolisi.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 4:</u> Sitati igenga abapolisi, imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo imishahara n’ibindi bigenerwa abapolisi</b></p>	<p><b><u>Article 25:</u> Oath of office of members of the Executive Commissioner’s Office of Rwanda National Police</b></p> <p>Before taking office, the Inspector General of Police and Deputy Inspectors General of Police swear an oath provided by the Constitution publicly before the President of the Republic.</p> <p><b><u>Article 26:</u> Term of office of the Inspector General of Police and Deputy Inspectors General of Police</b></p> <p>(1) The Inspector General of Police and Deputy Inspectors General of Police serve for a term of office of five years renewable.</p> <p>(2) However, the Inspector General of Police and Deputy Inspectors General of Police may leave office before the end of their term of office and replaced in accordance with the provisions of the special statute governing Police officers.</p> <p><b><u>Section 4:</u> Statute, organisational structure, salary and fringe benefits of police officers</b></p>	<p><b><u>Article 25:</u> Prestation de serment des membres du Commissariat Exécutif de la Police Nationale du Rwanda</b></p> <p>Avant d’entrer en fonction, l’Inspecteur Général de Police et les Inspecteurs Généraux Adjoint de Police prêtent publiquement, devant le Président de la République, le serment prévu par la Constitution.</p> <p><b><u>Article 26:</u> Mandat de l’Inspecteur Général de Police et des Inspecteurs Généraux Adjoint de Police</b></p> <p>(1) L’Inspecteur Général de Police et les Inspecteurs Généraux Adjoints de Police ont un mandat de cinq ans renouvelable.</p> <p>(2) Toutefois, l’Inspecteur Général de Police et les Inspecteurs Généraux Adjoints de Police peuvent quitter leurs fonctions avant la fin de leur mandat et être remplacés conformément aux dispositions du statut particulier régissant les policiers.</p> <p><b><u>Section 4:</u> Statut, structure organisationnelle, salaire et autres avantages des policiers</b></p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 27: Sitati igenga abapolisi</u></b></p> <p>Iteka rya Perezida rishyiraho sitati yihariye igenga abapolisi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abapolisi</u></b></p> <p>Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abapolisi bigenwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: UBUBASHA</u></b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere: Ububasha bushingiye ku ifasi</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 29: Ububasha bushingiye ku ifasi</u></b></p> <p>Polisi y’u Rwanda ifite ububasha mu gihugu hose.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Ububasha bwo kugenzura abantu, ahantu n’ibintu</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 30: Igenzura ry’ibyangombwa biranga umuntu</u></b></p> <p>Polisi y’u Rwanda ishobora kugenzura ko umuntu uwo ari we wese uri ku ifasi ya</p>	<p><b><u>Article 27: Statute of police officers</u></b></p> <p>A Presidential Order establishes the special statute governing police officers.</p> <p><b><u>Article 28: Organisational structure, salary and other fringe benefits of police officers</u></b></p> <p>The organisational structure, salary and other fringe benefits of Police officers are determined in accordance with relevant laws.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: POWERS</u></b></p> <p><b><u>Section One: Territorial jurisdiction</u></b></p> <p><b><u>Article 29: Territorial jurisdiction</u></b></p> <p>Rwanda National Police has jurisdiction over the entire national territory.</p> <p><b><u>Section 2: Power of inspection of persons, premises and property</u></b></p> <p><b><u>Article 30: Verification of identification documents</u></b></p> <p>Rwanda National Police may verify whether any person on the territory of the Republic of</p>	<p><b><u>Article 27: Statut des policiers</u></b></p> <p>Un arrêté présidentiel établit le statut particulier régissant les policiers.</p> <p><b><u>Article 28: Structure organisationnelle, salaire et autres avantages des Policiers</u></b></p> <p>La structure organisationnelle, le salaire et les autres avantages des policiers sont déterminés conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV: POUVOIRS</u></b></p> <p><b><u>Section première: Compétence territoriale</u></b></p> <p><b><u>Article 29: Compétence territoriale</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda a compétence sur tout le territoire national.</p> <p><b><u>Section 2: Pouvoir de faire l’inspection des personnes, des lieux et des biens</u></b></p> <p><b><u>Article 30: Vérification des pièces d’identité</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda peut vérifier si une personne se trouvant sur le territoire de la</p>
---	---	--

<p>Repubulika y'u Rwanda afite ibyangombwa bimuranga kandi ishobora guhagarika utabifite kugira ngo akorweho ipererereza mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 31: Igenzura ry'ahantu</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda ikora igenzura ry'ahantu hose ibona ko ari ngombwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32: Igenzura ry'ibinyabiziga, ubwato na gari ya moshi</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda igenzura ibinyabiziga, ubwato na gariyamoshi hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33: Igenzura ry'intworo nto n'intambi</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda ikora igenzura ry'intworo nto n'intambi hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3: Ububasha bwo gutanga impushya</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Itangwa ry'impushya</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda itanga uruhushya rwo –</p>	<p>Rwanda possesses identity documents and may arrest any person who does not possess them for further investigations in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 31: Inspecting premises</u></b></p> <p>Rwanda National Police conducts inspection of any premises as it may consider necessary in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 32: Inspecting vehicles, vessels and trains</u></b></p> <p>Rwanda National Police also conducts inspection of vehicles, vessels and trains in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 33: Inspecting small arms and dynamites</u></b></p> <p>Rwanda National Police conducts inspection of small arms and dynamites in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Section 3: Power of issuing licenses</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Issuing licenses</u></b></p> <p>Rwanda National Police issues license to –</p>	<p>République du Rwanda possède des pièces d'identité et peut arrêter une personne qui n'en dispose pas pour les besoins d'enquêtes conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 31: Inspection de lieu</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda peut inspecter tout lieu si elle le juge nécessaire conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 32: Inspection des véhicules, des bateaux et des trains</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda inspecte les véhicules, les bateaux et les trains conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 33: Inspection des armes de petit calibre et des dynamites</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda inspecte les armes de petit calibre et les dynamites conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Section 3: Pouvoir de délivrer les permis</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Délivrer les permis</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda délivre le permis de –</p>
---	--	--

<p>(a) gutunga no kugendana imbunda, amasasu n'ibindi bijyana na byo ku muntu udakora mu nzego zibyemererwa n'andi mategeko;</p> <p>(b) gutanga serivisi z'umutekano zitangwa n'abikorera;</p> <p>(c) gutwara ikinyabiziga;</p> <p>(d) gukora ikindi cyagenwa n'itegeko.</p>	<p>(a) possess and carry a firearm, ammunitions and other related materials except for legally authorised institutions;</p> <p>(b) provide private security services;</p> <p>(c) driving a vehicle;</p> <p>(d) to perform any other activity provided for by the law.</p>	<p>(a) détention et de port d'une arme à feu, de munitions et d'autres matériels connexes à l'exception des institutions légalement autorisées;</p> <p>(b) prestation de services de sécurité privés;</p> <p>(c) conduire un véhicule;</p> <p>(d) exécuter une autre activité prévue par la loi.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 4: Ububasha bwo kugota no gusaka</u></b></p>	<p><b><u>Section 4: Power to cordon and search</u></b></p>	<p><b><u>Section 4: Pourvoir de bouclage et de fouille</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 35: Igota n'isaka by'ahantu</u></b></p>	<p><b><u>Article 35: Cordoning and search of an area</u></b></p>	<p><b><u>Article 35: Bouclage et fouille d'un lieu</u></b></p>
<p>Polisi y'u Rwanda ishobora kugota no gusaka ahantu hagamijwe kubungabunga umutekano, iyo ibona ari ngombwa.</p>	<p>Rwanda National Police may cordon off and search an area for the purpose of ensuring safety, if considered necessary.</p>	<p>La Police Nationale du Rwanda peut boucler et fouiller un lieu pour assurer la sécurité, lorsqu'elle le juge nécessaire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 36: Isaka rigamije kureba ko umuntu adafite icyahungabanya umutekano</u></b></p>	<p><b><u>Article 36: Search to ensure that a person is not carrying a dangerous object to the security</u></b></p>	<p><b><u>Article 36: Fouille visant à s'assurer qu'une personne ne possède pas un objet pouvant porter atteinte à la sécurité</u></b></p>
<p>(1) Polisi y'u Rwanda isaka umuntu uwo ari we wese iyo bibaye ngombwa.</p>	<p>(1) Rwanda National Police conduct a search of any person, if deemed necessary.</p>	<p>(1) La Police Nationale du Rwanda fouille toute personne, s'il s'avère nécessaire.</p>

<p>(2) Polisi y'u Rwanda ishobora kandi gusaka umuntu ihereye ku myifatire iteye amakenga cyangwa ibindi bimenyetso, iyo –</p> <p>(a) hari impamvu zigaragaza ko afite intwari mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa ikindi kintu cyabangamira umutekano w'abaturage;</p> <p>(b) afashwe mu rwego rwo kubungabunga umutekano cyangwa kugenza ibyaha;</p> <p>(c) yitabiriye amakoraniro yihariye bigaragara ko ashobora guhungabanya ituze rusange rya rubanda;</p> <p>(d) ari ahantu hacungiwe umutekano mu buryo bwihariye.</p> <p>(3) Isaka rikorerwa ku mubiri, mu myambaro no mu mitwari yoroheje by'usakwa rimara igihe kidashobora kurenza isaha imwe.</p> <p>(4) Isaka ryo ku mubiri rikorwa n'umupolisi w'igitsina kimwe n'icy'umuntu usakwa.</p>	<p>(2) Rwanda National Police may also search a person, based on the suspicious conduct or any other evidence, if –</p> <p>(a) there are grounds to believe that he or she is illegally carrying an arm or any object that may be dangerous to public security;</p> <p>(b) he or she is arrested for security or investigation purposes;</p> <p>(c) he or she participates in special rallies likely to destabilise public order;</p> <p>(d) he or she is present in a place under special security.</p> <p>(3) The search carried out on the person's body, clothes and lightweight luggage of the person being searched lasts for a period which may not exceed one hour.</p> <p>(4) The Search on body is conducted by a police officer of the same sex as the person being searched.</p>	<p>(2) La Police Nationale du Rwanda peut également fouiller une personne sur base d'un comportement suspect ou d'autres preuves, lorsque –</p> <p>(a) il existe des motifs montrant qu'elle est en possession illégale d'une arme ou de tout autre objet pouvant porter atteinte à la sécurité publique;</p> <p>(b) elle fait l'objet d'une arrestation pour des raisons de sécurité ou d'enquête;</p> <p>(c) elle participe à des rassemblements spéciaux qui présentent une menace réelle à l'ordre public;</p> <p>(d) elle se trouve à un endroit soumis à un régime spécial de sécurité.</p> <p>(3) La fouille effectuée sur le corps, dans des vêtements et dans des bagages légers de la personne fouillée dure le temps qui ne peut pas excéder une heure.</p> <p>(4) La fouille sur le corps est effectuée par un policier de même sexe que la personne fouillée.</p>
---	--	--

<p>(5) icyakora, amategeko ngengamikorere ya Polisi y'u Rwanda ashobora kugena uburyo isaka ryo ku mubiri ryakorwa ukundi.</p> <p>(6) Isaka ryo mu mubiri rikorwa hifashishijwe muganga wemewe na Leta hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Isaka ry'ikinyabiziga, gariyamoshi cyangwa ubwato</u></b></p> <p>(1) Polisi y'u Rwanda ishobora gusaka ikinyabiziga, gariyamoshi cyangwa ubwato biri ku ifasi ya Repubulika y'u Rwanda, umuyobozi w'ikinyabiziga, umuyobozi wa gariyamoshi, umuyobozi mukuru w'ubwato, umugenzi cyangwa ikindi kintu cyose bitwaye, igendeye ku makuru ifite cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p>(2) Isaka rikozwe mu kinyabiziga, muri gariyamoshi cyangwa mu bwato rimara igihe kidashobora kurenza amasaha atandatu kandi ntirigomba urupapuro rw'isaka.</p>	<p>(5) However, the Rwanda National Police rules and regulations may determine how the search on body may otherwise be conducted.</p> <p>(6) The body cavity search is carried out by a recognised medical doctor in accordance with relevant laws.</p> <p><b><u>Article 37: Search of a vehicle, train or vessel</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police may conduct a search of any a vehicle, a train or a vessel on the territory of the Republic of Rwanda, its driver, a train driver, a boat master, a passenger, or any other object found in that vehicle, train or a vessel in consideration of the information or if it is deemed necessary.</p> <p>(2) The vehicle, train or vessel search is conducted within a period which cannot exceed six hours and does not require a search warrant.</p>	<p>(5) Toutefois, le règlement intérieur de la Police Nationale du Rwanda peut déterminer comment la fouille sur le corps peut être effectuée autrement.</p> <p>(6) L'exploration corporelle est effectuée par un médecin agréé conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 37: Perquisition d'un véhicule, d'un train ou d'un bateau</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda peut procéder à la perquisition d'un véhicule, d'un train, d'un bateau se trouvant sur le territoire de la République du Rwanda, du conducteur du véhicule, du conducteur de train, du capitaine, du passager ou de tout autre objet se trouvant à bord de ce véhicule, de ce train ou de ce bateau sur base de l'information en sa possession ou s'il s'avère nécessaire.</p> <p>(2) La perquisition effectuée dans un véhicule, dans un train ou dans un bateau se déroule dans un délai qui ne peut pas dépasser six heures et se fait sans exigence de mandat de perquisition.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 38: Isaka rigamije kugenzura abantu cyangwa ibintu bica mu gihugu</u></b></p> <p>(1) Polisi y'u Rwanda ishobora gusaka, nta rupapuro rw'isaka, umuntu, ikinyabiziga, gariyamoshi, ubwato, indege cyangwa ikindi kintu, hagamijwe kugenzura ko nta bantu cyangwa ibintu byanyura ku ifasi ya Repubulika y'u Rwanda bijya cyangwa biva mu mahanga mu buryo budakurikije amategeko.</p> <p>(2) Isaka rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rimara igihe kidashobora kurenza amasaha atandatu.</p>	<p><b><u>Article 38: Search to control movement of persons and goods in transit</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police, may conduct a search without a search warrant, on a person, vehicle, train, vessel, aircraft, or other object for the purposes of controlling illegal movement of persons or goods in transit through the territory of the Republic of Rwanda.</p> <p>(2) The search referred to in the Paragraph (1) of this Article may last for the duration of the necessary period not exceeding six hours.</p>	<p><b><u>Article 38: Perquisition en vue de contrôler le mouvement des personnes et des marchandises en transit</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda peut, sans mandat de perquisition fouiller une personne, un véhicule, un train, un bateau, un avion ou un autre objet afin de contrôler les mouvements illégaux des personnes ou des marchandises en transit sur le territoire de la République du Rwanda.</p> <p>(2) La perquisition visée au paragraphe (1) du présent article dure un temps ne dépassant pas six heures.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 39: Ibitarebwa n'isaka n'igota</u></b></p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 35, iya 36, iya 37 n'ya 38 z'iri tegeko, isaka n'igota bivugwa muri iki cyiciro ntibireba ibintu, ahantu n'abantu andi mategeko aha uburenganzira bwo kudasakwa.</p>	<p><b><u>Article 39: Exemption from the search and cordon</u></b></p> <p>Subject to provisions of Articles 35, 36, 37 and 38 of this Law, the search and cordon referred to in this Section is not applicable to things, places and persons, exempted from search by other laws.</p>	<p><b><u>Article 39: Dispense de fouille et de bouclage</u></b></p> <p>Sous réserve des dispositions des articles 35, 36, 37 et 38 de la présente loi, la fouille et le bouclage visés à la présente section ne sont pas applicables aux biens, aux lieux et aux personnes, dispensés de la fouille par d'autres lois.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 5: Ububasha bwo gushyiraho bariyeri, gufata umuntu no gufatira</u></b></p>	<p><b><u>Section 5: Power to erect a roadblock, arrest a person and seize</u></b></p>	<p><b><u>Section 5: Pouvoir d'ériger une barrière, d'arrêter une personne et de saisir</u></b></p>



<p><b><u>Ingingo ya 40: Ishyirwaho rya bariyeri</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda ishobora gushyira bariyeri mu muhanda cyangwa mu nzira nyabagendwa, igamije kubungabunga umutekano, gukumira cyangwa gutahura icyaha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 41: Ifata ry'umuntu ukekwa icyaha, ushakishwa cyangwa uwacitse</u></b></p> <p>(1) Polisi y'u Rwanda ifata umuntu ukekwa gukora icyaha, ushakishwa, uwacitse inzego z'umutekano cyangwa iz'ubutabera ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'urwego rubifitiye ububasha, ikamushyikiriza ubugenzacyaha.</p> <p>(2) Polisi y'u Rwanda ikora raporo y'ifata rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ikayishyikiriza umugenzacyaha mu gihe kitarenze amasaha 24.</p> <p><b><u>Ingingo ya 42: Ifata ry'umuntu ubangamiye umutekano</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda ifata umuntu ubangamiye umutekano, ikamushyikiriza urwego rubifitiye ububasha, hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><b><u>Article 40: Erect a roadblock</u></b></p> <p>Rwanda National Police may erect a roadblock on a road or a public road for the purposes of maintaining security, preventing or detecting an offence.</p> <p><b><u>Article 41: Arresting a person who is suspected of an offence, a wanted or fugitive person</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police arrests, on its own motion or at the request by a competent authority, a person who is suspected of an offence, a fugitive or a wanted person by security or judicial organs, and hands over him or her to the investigation bureau.</p> <p>(2) Rwanda National Police produces a report of arrest referred to in paragraph (1) of this Article and submits it to the investigator within a period not exceeding 24 hours.</p> <p><b><u>Article 42: Arresting a person of breaching security</u></b></p> <p>The Rwanda National Police arrests a person who poses a threat to security and hands over him or her to the competent authority in accordance with relevant legislation.</p>	<p><b><u>Article 40: Érection d'une barrière</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda peut ériger une barrière sur une route ou une voie publique en vue du maintien de la sécurité, de la prévention ou de la détection d'une infraction.</p> <p><b><u>Article 41: Arrestation d'une personne soupçonnée d'une infraction, une personne recherchée ou un fugitif</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda, de sa propre initiative ou à la demande d'une autorité compétente, arrête une personne soupçonnée d'une infraction, un fugitif ou une personne recherchée par les organes de sécurité ou judiciaire et la remet au service d'enquêtes.</p> <p>(2) La Police Nationale du Rwanda fait un rapport d'arrestation visée au paragraphe (1) du présent article et le soumet à l'enquêteur dans un délai ne dépassant pas 24 heures.</p> <p><b><u>Article 42: Arrestation d'une personne pour atteinte à la sécurité</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda arrête une personne qui constitue une menace pour la sécurité et la remet à l'autorité compétente conformément à la législation en la matière.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 43: Ifatira ry'ikintu gifite aho gihuriye n'icyaha</u></b></p> <p>(1) Polisi y'u Rwanda ishobora gufatira ikintu gifite aho gihuriye n'icyaha, iyo ishyira mu bikorwa inshingano zayo.</p> <p>(2) Iyo Polisi y'u Rwanda ikoze ifatira rivugwa muri iyi ngingo, ibikorera raporo ikayishyikiriza umugenzacyaha mu gihe kitarenze amasaha 24.</p>	<p><b><u>Article 43: Seizure of property connected to an offence</u></b></p> <p>(1) The Rwanda National Police may seize property connected to an offense, when discharging its responsibilities.</p> <p>(2) When the Rwanda National Police makes the seizure referred to in this article, it makes a report and transmits it to the investigator within 24 hours.</p>	<p><b><u>Article 43: Saisie d'un bien lié à une infraction</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda peut saisir un bien lié à une infraction, lors de l'exercice de ses attributions.</p> <p>(2) Lorsque la Police Nationale du Rwanda procède à la saisie visée au présent article, elle en fait rapport et le transmet à l'enquêteur dans un délai de 24 heures.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 44: Ifatira ry'umutungo wimukanwa udafite nyirawo</u></b></p> <p>(1) Polisi y'u Rwanda ifatira umutungo wimukanwa udafite nyirawo, ugacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Iyo ibyafatiriwe ari intwari, amasasu n'ibindi bijyana na byo, bibikwa ahabugenewe hakurikijwe amategeko agenga imicungire yabyo.</p>	<p><b><u>Article 44: Seizure of abandoned movable property</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police seizes abandoned movable property, which is administered in accordance with relevant legislation.</p> <p>(2) If the property seized consists of weapons, ammunitions and other related materials, they are stored in appropriate places in accordance with Laws governing their administration.</p>	<p><b><u>Article 44: Saisie d'un bien mobilier abandonné</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda saisit un bien mobilier abandonné, qui est géré conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Lorsque les biens saisis sont des armes, des munitions et d'autres matériels connexes, ils sont gardés dans un endroit approprié conformément aux lois régissant leur gestion.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 6: Ububasha bwo kumenyekanisha ibiranga umuntu ushakishwa</u></b></p>	<p><b><u>Section 6: Power of publishing details of the identification of a wanted person</u></b></p>	<p><b><u>Section 6: Pouvoir de publier les détails d'identification d'une personne recherchée</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 45: Imenyekanisha ry'ibiranga umuntu ushakishwa</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda ishobora gushyira mu itangazamakuru cyangwa kumenyekanisha mu bundi buryo ibiranga umuntu ushakishwa, hakoreshejwe amafoto, ibishushanyo n'ibindi bisobanuro bya ngombwa.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 7: Ububasha bwo kurinda umutekano wo mu muhanda</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 46: Ihagarika cyangwa iyobora ry'uruja n'uruza rw'ibinyabiziga mu muhanda</u></b></p> <p>Umupolisi wambaye impuzankano ya Polisi y'u Rwanda ashobora guhagarika cyangwa kuyobora urujya n'uruza rw'ibinyabiziga mu muhanda, agamije kubungabunga ituze rusange rya rubanda n'umutekano wo mu muhanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 47: Ikumira ry'ikinyabiziga</u></b></p> <p>Umupolisi wambaye impuzankano ya Polisi y'u Rwanda ashobora kubuza ikinyabiziga kugera ku muhanda cyangwa ku nzira nyabagendwa iyo ari yo yose, iyo bibaye ngombwa.</p>	<p><b><u>Article 45: Publishing details of the identification of a wanted person</u></b></p> <p>Rwanda National Police, may publish in the media or by other means the identity of a wanted person, including photographs, pictures, and other relevant details.</p> <p><b><u>Section 7: Power to road traffic control</u></b></p> <p><b><u>Article 46: Halting or directing movement of vehicles on the road</u></b></p> <p>A police officer in the Rwanda National Police uniform may halt or direct the movement of vehicles on the road with a view of preserving public order and road safety.</p> <p><b><u>Article 47: Blocking a vehicle's access</u></b></p> <p>A police officer in uniform of Rwanda National Police may block a vehicle's access to any road or any public road, if considered necessary.</p>	<p><b><u>Article 45: Publier les détails d'identification d'une personne recherchée</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda, peut se servir des media ou de tout autre moyen pour publier les détails d'identification d'une personne recherchée, notamment les photos, les portraits ou tout autre élément essentiel.</p> <p><b><u>Section 7: Pouvoir de contrôler la circulation routière</u></b></p> <p><b><u>Article 46: Arrêter ou diriger la circulation des véhicules sur la route</u></b></p> <p>Un policier en uniforme de la Police Nationale du Rwanda peut arrêter ou diriger la circulation des véhicules sur la route en vue de préserver l'ordre public et la sécurité routière.</p> <p><b><u>Article 47: Bloquer l'accès d'un véhicule</u></b></p> <p>Un policier en uniforme de la Police Nationale du Rwanda peut bloquer l'accès d'un véhicule à toute route ou à toute voie publique, en cas de besoin.</p>
---	---	--

<p><b><u>Icyiciro cya 8:</u> Ububasha bwo kugenza ibyaha</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 48:</u> Kugenza ibyaha byerekeye impanuka zo mu muhanda, mu nzira za gariyamoshi, mu nzira zo mu mazi nyabagendwa n’uburyo bwo kubigendamo</b></p> <p>(1) Polisi y’u Rwanda ifite ububasha bwo kugenza ibyaha byerekeye impanuka zo mu muhanda, mu nzira za gariyamoshi mu nzira zo mu mazi nyabagendwa n’uburyo bwo kubigendamo.</p> <p>(2) Umuyobozi Mukuru wa Polisi akena urutonde rw’abapolisi bafite ububasha bwo kugenza ibyaha bivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo.</p> <p>(3) Umupolisi ugenza ibyaha bivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo akora dosiye zijyanye n’ibyaha afitiye ububasha akazishyikiriza ubushinjacyaha.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 9:</u> Ububasha bwo kurinda amakoraniro yihariye</b></p>	<p><b><u>Section 8:</u> Power to carry out criminal investigation</b></p> <p><b><u>Article 48:</u> Power to investigate offences relating to road, railways and waterways accidents and traffic offences</b></p> <p>(1) Rwanda National Police has the power to investigate offences relating to road, railways and waterways accidents and traffic offences.</p> <p>(2) The Inspector General of Police draws up the list of police officers who have the power to investigate the offenses mentioned in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(3) A police officer who investigates offenses referred to in Paragraph (1) of this Article constitutes the files relating to the offenses for which he or she is competent and submits them to the prosecution.</p> <p><b><u>Section 9:</u> Power to monitor special rallies</b></p>	<p><b><u>Section 8:</u> Pouvoir d’effectuer des enquêtes pénales</b></p> <p><b><u>Article 48:</u> Pouvoir d’enquêter sur les infractions relatives aux accidents routiers, ferroviaires, ceux des voies d’eau navigables et au code de la route</b></p> <p>(1) La Police National du Rwanda a le pouvoir d’enquêter sur les infractions relatives aux accidents routiers, ferroviaires, ceux des voies d’eau navigables et au code de la route.</p> <p>(2) L’Inspecteur Général de Police établit la liste des policiers qui ont le pouvoir d’enquêter sur les infractions mentionnées au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(3) Un policier qui enquête sur les infractions visées au paragraphe (1) du présent article constitue les dossiers relatifs aux infractions dont il est compétent et les soumet à l’organe de poursuite judiciaire.</p> <p><b><u>Section 9:</u> Pouvoir de surveiller les rassemblements spéciaux</b></p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 49: Kurinda umutekano w’ahabereye amakoraniro yihariye</u></b></p> <p>(1) Polisi y’u Rwanda ifite ububasha bwo kurinda umutekano w’ahabereye amakoraniro yihariye.</p> <p>(2) Umuyobozi wo mu rwego rw’ubutegetsi bubifitiye ububasha amenyesha Polisi y’u Rwanda mu nyandiko uruhushya rwo gukora amakoraniro yihariye yatanze, mu gihe kitari muni y’amasaha 72 mbere y’uko abarwemerewe bashyira mu bikorwa icyo urwo ruhushya rwatangiwe.</p> <p>(3) Iyo hakoze amakoraniro yihariye nta ruhushya, Polisi y’u Rwanda ifata ibyemezo bikwiye ikabimenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha.</p>	<p><b><u>Article 49: Maintaining security at special rallies venues</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police has the power to maintain security at the venues of special rallies.</p> <p>(2) An administrative of competent authority notifies the Rwanda National Police in writing of a special meeting permit issued, within a period of not less than 72 hours before the recipients carry out the purposes for which the authorization has been issued.</p> <p>(3) If special rallies are unauthorised, Rwanda National Police takes necessary measures and informs the competent authority.</p>	<p><b><u>Article 49: Maintien de la sécurité du lieu de tenue des rassemblements spéciaux</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda a le pouvoir d’assurer la sécurité du lieu de tenue des rassemblements spéciaux.</p> <p>(2) L’autorité administrative compétente informe par écrit la Police Nationale du Rwanda de l’autorisation spéciale de réunion délivrée, dans un délai d’au moins 72 heures avant que les bénéficiaires ne réalisent les fins pour lesquelles l’autorisation a été délivrée.</p> <p>(3) En cas de rassemblements spéciaux non-autorisés, la Police Nationale du Rwanda prend des mesures nécessaires et en informe l’autorité compétente.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 10: Ububasha bwo gukoresha imbaraga n’imbunda</u></b></p>	<p><b><u>Section 10: Power to use force and firearm</u></b></p>	<p><b><u>Section 10: Pouvoir d’usage de force et d’arme à feu</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 50: Amahame agenga ikoreshwa ry’imbaraga</u></b></p> <p>(1) Polisi y’u Rwanda ishobora gukoresha imbaraga za ngombwa harimo no kwifashisha ibikoresho byabugenewe kugira ngo yuzuze inshingano zayo.</p>	<p><b><u>Article 50: Principles governing the use of force</u></b></p> <p>(1) Rwanda National Police may refer to the use of force including the use of appropriate means, to accomplish its responsibilities.</p>	<p><b><u>Article 50: Principes régissant l’usage de force</u></b></p> <p>(1) La Police Nationale du Rwanda peut recourir à l’usage de force, y compris l’usage de moyens appropriés pour s’acquitter de ses attributions.</p>

<p>(2) Umupolisi akoresha gusa imbaraga n’uburyo bijyanye n’uburemere bw’amakuba amwugarije cyangwa yugarije abandi, hashingiwe ku biteganywa n’amategeko.</p>	<p>(2) A police officer only uses force and means that is proportionate to the danger facing him or her or other persons, in accordance with legal provisions.</p>	<p>(2) Un policier n’a recours qu’à une force et moyens proportionnelle au danger qui le menace ou qui menace d’autres personnes, conformément aux dispositions légales.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 51: Ikoreshwa ry’imbaraga zishobora gutera ibura ry’ubuzima</u></b></p>	<p><b><u>Article 51: Use of force that may lead to loss of life</u></b></p>	<p><b><u>Article 51: Recours à la force pouvant entraîner la perte de vie</u></b></p>
<p>(1) Polisi y’u Rwanda ishobora gukoresha imbaraga zishobora kwangiza umutungo, gusenya, gukomeretsa, gutera uburwayi, ubumuga cyangwa ibura ry’ubuzima mu gihe ubundi buryo bwakoreshejwe bikananirana cyangwa mu gihe budashobora gukoreshwa.</p>	<p>(1) The Rwanda National Police may use force which could result in property damage, destruction, personal injury, illness, disability or loss of life, when all means have failed or when they cannot be employed.</p>	<p>(1) La Police Nationale du Rwanda peut recourir à la force qui pourrait entraîner des dommages matériels, des destructions, des blessures corporelles, des maladies, des incapacités ou des pertes de vie, lorsque tous les moyens ont échoué ou lorsqu'ils ne peuvent pas être utilisés.</p>
<p>(2) Umupolisi ashobora gukoresha imbaraga kugira ngo –</p>	<p>(2) A police officer may use force –</p>	<p>(2) Un policier peut avoir recours à la force pour –</p>
<p>(a) yirwaneho ku cyago gishobora kumutwara ubuzima cyangwa kumutera igikomere gikabije ku mubiri;</p>	<p>(a) to defend himself or herself against an imminent danger of loss of life or serious bodily harm;</p>	<p>(a) se défendre contre un danger imminent de perte de vie ou de lésions corporelles graves;</p>
<p>(b) akumire ikorwa ry’icyaha cy’ubugome gishobora gutwara ubuzima bw’abantu cyangwa kubatera ibikomere bikabije ku mubiri;</p>	<p>(b) to prevent the commission of a felony threatening the life of persons or likely to cause them serious bodily harm;</p>	<p>(b) prévenir la commission d’un crime menaçant la vie des personnes ou susceptible de leur causer de lésions corporelles graves;</p>
<p>(c) akumire ikoreshwa ry’intwara cyangwa ubundi buryo bishobora gutwara ubuzima bw’abantu cyangwa</p>	<p>(c) to prevent the use of a weapon or other means likely to result in loss</p>	<p>(c) empêcher l’usage d’une arme ou d’un autre moyen pouvant entraîner la perte</p>

<p>gukoreshwa mu bikorwa by'iterabwoba;</p> <p>(d) afate cyangwa akumire umuntu utoroka akoresheje intwari cyangwa hari impungenge ko yateza ibura ry'ubuzima cyangwa ibikomere bikabije umupolisi cyangwa abandi bantu aramutse adahise afatwa cyangwa ngo akumirwe;</p> <p>(e) akumire iyangizwa ry'umutungo iyo ubundi buryo budashoboka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52: Kwinjira ahantu hakoreshejwe imbaraga</u></b></p> <p>Umupolisi amaze kugisha inama umukuriye kandi atagombye gusenya ibitari ngombwa, ashobora kwinjira ahantu akoresheje imbaraga mu gihe yangiwe kuhinjira, iyo –</p> <p>(a) afite impamvu zifatika zituma akeka ko aho hantu harimo gukorerwa icyaha, cyangwa ko harimo ibyakoreshejwe mu gukora icyaha;</p>	<p>of lives of persons or that may be used in terrorist acts;</p> <p>(d) to apprehend or prevent a person escaping by use of a weapon or there is fear that he or she poses a significant threat of loss of life or serious bodily harm to the police officer or other persons, if he or she is not immediately apprehended or prevented;</p> <p>(e) to prevent damage to property when other means cannot be used.</p> <p><b><u>Article 52: Force entry</u></b></p> <p>A police officer, after consulting his or her superior and without causing unnecessary destruction, may use force to enter premises, if entry is denied, if he or she –</p> <p>(a) has reasonable suspicion that an offence is being committed in the premises or that the premises contain objects used in the commission of a crime;</p>	<p>de vies humaines ou être utilisés dans des actes terroristes;</p> <p>(d) appréhender ou prévenir une personne en train de s'évader en utilisant une arme ou qui indique qu'elle représente une menace sérieuse de perte de vie ou des lésions corporelles graves pour le policier ou d'autres personnes lorsqu'elle n'est pas immédiatement appréhendée ou prévenue;</p> <p>(e) prévenir des dommages aux biens lorsque d'autres moyens peuvent pas être utilisés.</p> <p><b><u>Article 52: Entrée forcée</u></b></p> <p>Un policier, après consultation de son supérieur hiérarchique et sans causer de destructions inutiles, peut entrer par force dans un lieu lorsque l'entrée lui a été refusée, lorsque –</p> <p>(a) il a des raisons sérieuses de soupçonner qu'il s'y produit une infraction ou que ce lieu abrite des objets ayant servi à la commission d'une infraction;</p>
--	--	---

<p>(b) agiye gutabara cyangwa kugoboka umuntu uri mu byago;</p> <p>(c) afite impamvu zifatika zituma akeka ko hihishe umuntu wakoze icyaha cyangwa watorotse inzego z'umutekano cyangwa iz'ubutabera.</p>	<p>(b) is going to rescue or assist a person in danger;</p> <p>(c) has reasonable suspicion that a criminal or a fugitive from security or judicial organ is hiding on the premises.</p>	<p>(b) il va secourir ou assister une personne en danger;</p> <p>(c) il a des raisons sérieuses de soupçonner qu'il s'y cache un criminel ou un fugitif des organes de sécurité ou judiciaire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 53: Ikoreshwa ry'imbunda</u></b></p>	<p><b><u>Article 53: Use of a firearm</u></b></p>	<p><b><u>Article 53: Usage d'une arme à feu</u></b></p>
<p>(1) Umupolisi yihatira kuzuza inshingano ze adakoresheje imbunda.</p> <p>(2) Icyakora, iyo bibaye ngombwa, umupolisi ashobora gukoresha imbunda mu bihe bikurikira:</p> <p>(a) agiriwe urugomo cyangwa rugiriwe abandi bantu;</p> <p>(b) adashobora kurwana mu bundi buryo ku bantu cyangwa ibintu ashinzwe kurinda;</p> <p>(c) arwanya abantu bitwaje intwaro;</p> <p>(d) agomba gufata abantu bagaragaweho kuba ba ruharwa mu bugizi bwa nabi;</p>	<p>(1) A police officer endeavours to discharge his or her responsibilities without using a firearm.</p> <p>(2) However, a police officer may, where necessary, use a firearm under the following circumstances:</p> <p>(a) he or she is subjected to violence or violence is committed against other persons;</p> <p>(b) he or she is unable to use other means to defend the persons or property under his or her protection;</p> <p>(c) he or she is fighting armed persons;</p> <p>(d) he or she must arrest persons proved to be notorious criminals;</p>	<p>(1) Un policier s'efforce de remplir ses attributions sans recourir à une arme à feu.</p> <p>(2) Toutefois, un policier peut, en cas de besoin, recourir à l'usage d'arme à feu dans les circonstances suivantes:</p> <p>(a) il subit la violence ou la violence est commise envers d'autres personnes;</p> <p>(b) il n'est pas en mesure de défendre par d'autres moyens les personnes ou les biens placés sous sa protection;</p> <p>(c) il combat les personnes armées;</p> <p>(d) il doit arrêter les personnes qui s'avèrent être criminels notoires;</p>



<p>(e) ubundi buryo budakoresheje imbunda bwamaniranye.</p> <p>(3) Mbere yo gukoresha imbunda, umupolisi agomba gutanga umuburo mu buryo bwumvikana asobanura impamvu agiye gukoresha imbunda kandi akabikora mu gihe gihagije kugira ngo umuburo wumvikane, keretse –</p> <p>(a) iyo gutanga umuburo wumvikana bishobora gushyira umupolisi cyangwa undi muntu mu kaga cyangwa bikaba byamukururira kubura ubuzima;</p> <p>(b) iyo gutanga umuburo mu buryo bwumvikana bidashoboka cyangwa nta cyo bimaze bitewe n'ibikorwa bibera aho.</p>	<p>(e) the use of other means besides a firearm has been ineffective.</p> <p>(3) Before resorting to the use of a firearm, a police officer must give clear warning of his or her intention to use firearm, with sufficient time for the warning to be observed, except –</p> <p>(a) where giving clear warning would place the police officer or other person at risk or in peril of loss of life;</p> <p>(b) if giving clear warning is impossible or pointless depending on the circumstances.</p>	<p>(e) l'usage d'autres moyens que l'arme à feu a été inefficace.</p> <p>(3) Avant de recourir à l'usage d'une arme à feu, un policier doit donner un avertissement clair de son intention d'utiliser une arme à feu, en laissant un temps suffisant pour que l'avertissement soit observé, sauf –</p> <p>(a) si le fait de donner un avertissement clair peut mettre un policier ou une autre personne en danger ou lui exposer à la perte de vie;</p> <p>(b) s'il est impossible ou inutile de donner un avertissement clair, selon les circonstances.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 11:</u> Ububasha bwo gufata icyemezo ku nyamaswa idafite uyicunga</b></p>	<p><b><u>Section 11:</u> Power to take a decision with respect to a stray animal</b></p>	<p><b><u>Section 11:</u> Pouvoir de prendre une décision contre un animal errant</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 54:</u> Ifatwa ry'icyemezo ku nyamaswa idafite uyicunga</b></p>	<p><b><u>Article 54:</u> Taking a decision with respect to a stray animal</b></p>	<p><b><u>Article 54:</u> Prendre une décision contre un animal errant</b></p>
<p>Polisi y'u Rwanda ifata icyemezo cya ngombwa ku nyamaswa idafite uyicunga cyangwa isanze mu mwanya utarabigenewe</p>	<p>Rwanda National Police takes a necessary decision with respect to a stray animal or an animal found in an inappropriate place, in</p>	<p>La Police Nationale du Rwanda prend une décision nécessaire contre un animal errant ou</p>

<p>mu rwego rwo kurinda umutekano w'abantu n'ibintu.</p> <p><b>UMUTWE WA V: ITANGWA RY'AMAPETI MURI POLISI Y'U RWANDA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 55:</u> Ishyirwa ry'abakandida Ofisiye mu cyiciro cy'Abofisiye</b></p> <p>Abarangije amahugurwa y'abakandida Ofisiye bashyirwa mu cyiciro cy'Abofisiye na Perezida wa Repubulika.</p> <p><b><u>Ingingo ya 56:</u> Itangwa ry'ipeti rya Police Constable</b></p> <p>Ipeti rya <i>Police Constable</i> ritangwa na Minisitiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 57:</u> Izamurwa ku ipeti ryisumbuye</b></p> <p>(1) Umwofisiye azamurwa ku ipeti ryisumbuye na Perezida wa Repubulika.</p> <p>(2) Umusuzofisiye na <i>Police Constable</i> bazamurwa ku ipeti ryisumbuye na Minisitiri.</p>	<p>order to ensure the safety of persons and property.</p> <p><b>CHAPTER V: AWARDING OF RANKS IN RWANDA NATIONAL POLICE</b></p> <p><b><u>Article 55:</u> Commissioning officer-cadets</b></p> <p>Graduates who have completed the training of Officer cadets are commissioned by the President of the Republic.</p> <p><b><u>Article 56:</u> Awarding of the rank of Police Constable</b></p> <p>The rank of Police Constable is awarded by the Minister.</p> <p><b><u>Article 57:</u> Promotion to a higher rank</b></p> <p>(1) A commissioned officer is promoted to a higher rank by the President of the Republic.</p> <p>(2) A non-commissioned officer and a Police Constable are promoted to a higher rank by the Minister.</p>	<p>trouvé dans un lieu non approprié, en vue d'assurer la sécurité des personnes et de biens.</p> <p><b>CHAPITER V: ATTRIBUTION DE GRADES DANS LA POLICE NATIONALE DU RWANDA</b></p> <p><b><u>Article 55:</u> Nomination des candidats officiers</b></p> <p>Les lauréats de la formation de candidats-officier sont promus officiers par le Président de la République.</p> <p><b><u>Article 56:</u> Attribution du grade d'agent de police</b></p> <p>Le grade d'agent de police est attribué par le ministre.</p> <p><b><u>Article 57:</u> Promotion au grade supérieur</b></p> <p>(1) Un officier est promu à un grade supérieur par le Président de la République.</p> <p>(2) Un sous-officier et un agent de police sont promus à un grade supérieur par le Ministre.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 58: Ibindi byerekeye amapeti</u></b></p> <p>Ibindi byerekeye amapeti y’abapolisi bigenwa na sitati yihariye igenga abapolisi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VI: IMARI N’UMUTUNGO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 59: Umutungo wa Polisi y’u Rwanda n’inkomoko yawo</u></b></p> <p>(1) Umutungo wa Polisi y’u Rwanda ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.</p> <p>(2) Umutungo wa Polisi y’u Rwanda ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) ingengo y’imari igenerwa na Leta;</p> <p>(b) umutungo ukomoka ku mirimo ikora;</p> <p>(c) inyungu zikomoka ku mishinga yayo;</p> <p>(d) inkunga z’abafatanyabikorwa;</p>	<p><b><u>Article 58: Other issues related to ranks</u></b></p> <p>Other issues related to police ranks are provided by the special statute governing Police officers.</p> <p><b><u>CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE</u></b></p> <p><b><u>Article 59: Property of Rwanda National Police and its sources</u></b></p> <p>(1) The property of Rwanda National Police comprises movable and immovable property.</p> <p>(2) The property of Rwanda National Police derives from the following sources:</p> <p>(a) the State budget allocations;</p> <p>(b) income from its services;</p> <p>(c) profits from its projects;</p> <p>(d) partners’ grants;</p>	<p><b><u>Article 58: Autres sujets relatifs aux grades</u></b></p> <p>Les autres sujets relatifs aux grades de la police sont déterminés par le statut particulier régissant les policiers.</p> <p><b><u>CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES</u></b></p> <p><b><u>Article 59: Patrimoine de la Police Nationale du Rwanda et ses sources</u></b></p> <p>(1) Le patrimoine de la Police Nationale du Rwanda comprend les biens meubles et immeubles.</p> <p>(2) Le patrimoine de la Police Nationale du Rwanda provient des sources suivantes:</p> <p>(a) les dotations budgétaires de l’État;</p> <p>(b) les revenus de ses services;</p> <p>(c) les intérêts issus de ses projets;</p> <p>(d) les subventions des partenaires;</p>
---	--	---

<p>(e) inguzanyo zihabwa Polisi y'u Rwanda, zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;</p> <p>(f) impano n'indagano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 60: Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta</u></b></p> <p>Umuyobozi w'Ishami rifite imari mu nshingano ni we Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta muri Polisi y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 61: Ingingo y'Imari</u></b></p> <p>Polisi y'u Rwanda itegura imbanzirizamushinga y'ingingo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'imari n'umutungo</u></b></p> <p>(1) Imari n'umutungo bya Polisi y'u Rwanda bikoreshwa kandi bigacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo wa Polisi y'u Rwanda</p>	<p>(e) loans granted to the Rwanda National Police as approved by the Minister in charge of finances;</p> <p>(f) donation and bequests.</p> <p><b><u>Article 60: Chief Budget Manager</u></b></p> <p>The head of the department in charge of finance is the Chief Budget Manager in Rwanda National Police.</p> <p><b><u>Article 61: Budget</u></b></p> <p>Rwanda National Police prepares a draft annual budget proposal, which is approved by the competent authority.</p> <p><b><u>Article 62: Use, management and audit of finance and property</u></b></p> <p>(1) The finance and property of Rwanda National Police are used and managed in accordance with relevant legislation.</p> <p>(2) The internal audit service of Rwanda National Police submits its report to the Rwanda Police High Council.</p>	<p>(e) prêts accordés à la Police Nationale du Rwanda approuvés par le ministre ayant les finances dans ses attributions;</p> <p>(f) les dons et legs.</p> <p><b><u>Article 60: Gestionnaire Principal du Budget</u></b></p> <p>Le chef du département en charge des finances est le Gestionnaire Principal du Budget au sein de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 61: Budget</u></b></p> <p>La Police Nationale du Rwanda prépare l'avant-projet du budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.</p> <p><b><u>Article 62: Utilisation, gestion et audit des finances et du patrimoine</u></b></p> <p>(1) Les finances et le patrimoine de la Police Nationale du Rwanda sont utilisés et gérés conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Le service d'audit interne de la Police Nationale du Rwanda transmet son</p>
---	---	---

<p>buha raporo Inama Nkuru ya Polisi y'u Rwanda.</p> <p>(3) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire n'imikoreshereze by'imari n'umutungo bya Polisi y'u Rwanda.</p> <p>(4) Iteka rya Perezida rigena ibikoresho bya Polisi y'u Rwanda bigomba kugirirwa ibanga bijyanye no kurinda umutekano w'Igihugu, n'uko bikorerwa ubugenzuzi.</p>	<p>(3) The Office of the Auditor General of State Finances carries out the audit of the management and use of finance and property of Rwanda National Police.</p> <p>(4) A Presidential Order determines Rwanda National Police equipment and materials classified as secret for national security purposes and modalities for conducting audit.</p>	<p>rapport au Haut Conseil de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p>(3) L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p>(4) Un arrêté présidentiel détermine le matériel et équipement de la Police Nationale du Rwanda classés secrets à des fins de sécurité nationale et les modalités de leur audit.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VII: IBYAHA N'IBIHANO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VII: OFFENCES AND PENALTIES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE VII: INFRACTIONS ET PEINES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 63: Gutoroka bikoze n'umwofisiye</u></b></p>	<p><b><u>Article 63: Desertion by a commissioned officer</u></b></p>	<p><b><u>Article 63: Désertion d'un officier</u></b></p>
<p>(1) Umwofisiye umaze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikiranye atari mu kazi ka Polisi y'u Rwanda nta mpamvu yumvikana, aba akoze icyaha cyo gutoroka.</p> <p>(2) Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe ariko kitarenze imyaka ibiri.</p>	<p>(1) A commissioned officer who gets absent from his or her work at Rwanda National Police for more than fifteen (15) consecutive days without a valid reason commits an offence of desertion.</p> <p>(2) Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one year and not more than two years.</p>	<p>(1) Un officier qui s'absente de son travail à la Police Nationale du Rwanda pendant plus de quinze (15) jours consécutifs sans motif valable commet une infraction de désertion.</p> <p>(2) Lorsqu'il en est reconnu coupable il est passible d'un emprisonnement d'un an mais ne dépassant pas deux ans.</p>

<p>(3) Igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) iyo umwofisiye akoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>(a) yarenze imipaka y'u Rwanda;</p> <p>(b) yatorokanye imbunda cyangwa ikindi gikoresho cya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(c) yarengeje amezi atandatu yaratorotse;</p> <p>(d) yagiranye umugambi wo gutoroka n'abapolisi barenze umwe.</p>	<p>(3) The sentence is an imprisonment of not less than five (5) years and not more than seven (7) years if a commissioned officer commits one of the following offences:</p> <p>(a) has crossed borders of Rwanda;</p> <p>(b) has deserted with a firearm or any other Rwanda National Police equipment;</p> <p>(c) has deserted for more than six months;</p> <p>(d) has intended to desert in conspiracy with more than one police officer.</p>	<p>(3) La peine est un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais ne dépassant pas sept (7) ans officier commet l'une des infractions suivantes:</p> <p>(a) a franchi les frontières du Rwanda;</p> <p>(b) a déserté en emportant avec lui une arme à feu ou tout autre équipement de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(c) a déserté pour plus de six mois;</p> <p>(d) a eu l'intention de désertion en complot avec plus d'un policier.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 64: Gutoroka bikoze n'utari umwofisiye</u></b></p> <p>(1) Utari umwofisiye umaze iminsi irenga 15 ikurikiranye atari mu kazi ka Polisi y'u Rwanda nta mpamvu yumvikana, aba akoze icyaha cyo gutoroka.</p> <p>(2) Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu ariko kitarenze umwaka umwe.</p>	<p><b><u>Article 64: Desertion by a non-commissioned police officer</u></b></p> <p>(1) A non-commissioned police officer who gets absent from Rwanda National Police work for more than 15 consecutive days without valid reasons commits an offence of desertion.</p> <p>(2) Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment for a term of not less than six months and not more than one year.</p>	<p><b><u>Article 64: Désertion d'un policier qui n'est pas officier</u></b></p> <p>(1) Un policier qui n'est pas officier qui s'absente de du travail de la Police Nationale du Rwanda pendant plus de 15 jours consécutifs sans motif valable commet une infraction de désertion.</p> <p>(2) Lorsqu'il en est reconnu coupable il est passible d'un emprisonnement de six mois mais ne dépassant pas un an.</p>

<p>(3) Igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka itatu ariko kitarenze imyaka itanu iyo utari umwofisiye akoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>(a) yarenze imipaka y'u Rwanda;</p> <p>(b) yatorokanye imbunda cyangwa ikindi gikoresho cya Polisi y'u Rwanda;</p> <p>(c) yarengaje amezi atandatu yaratorotse;</p> <p>(d) yagiranye umugambi wo gutoroka n'abapolisi barenze umwe.</p>	<p>(3) The sentence is an imprisonment of not less than three years and not more than five years if a non-commissioned police officer commits one of the following offences:</p> <p>(a) has crossed borders of Rwanda;</p> <p>(b) has deserted with a firearm or any other Rwanda National Police equipment;</p> <p>(c) has deserted for more than six months;</p> <p>(d) has intended to desert in conspiracy with more than one police officer.</p>	<p>(3) La peine est un emprisonnement d'au moins trois ans mais ne dépassant pas cinq ans lorsqu'un policier qui n'est pas officier commet l'une des infractions suivantes:</p> <p>(a) a franchi les frontières du Rwanda;</p> <p>(b) a déserté en emportant avec lui une arme à feu ou tout autre équipement de la Police Nationale du Rwanda;</p> <p>(c) a déserté pour plus de six mois;</p> <p>(d) a eu l'intention de désertion en complot avec plus d'un policier.</p>
<p><b>UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE</b></p>	<p><b>CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 65:</u> Kwinjizwa cyangwa koherezwa mu zindi nzego z'umutekano cyangwa iza Leta</b></p>	<p><b><u>Article 65:</u> Integration or transfer to other security or government organs</b></p>	<p><b><u>Article 65:</u> Intégration ou mutation à d'autres organes de sécurité ou de l'État</b></p>
<p>Kwinjiza umupolisi mu rundi rwego rw'umutekano cyangwa kohereza umupolisi mu rundi rwego rwa Leta byemezwa na Perezida wa Repubulika.</p>	<p>The integration of a police officer into another security organ or the transfer of a police officer to another government organ is approved by the President of the Republic.</p>	<p>L'intégration d'un policier à un autre organe de sécurité ou la mutation d'un policier à un autre organe de l'État est approuvée par le Président de la République.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 66:</u> Ishyirwa muri Polisi y'u Rwanda ry'umuntu uvuye mu rundi rwego</b></p> <p>Kwinjiza muri Polisi y'u Rwanda umuntu uvuye mu rundi rwego rw'umutekano cyangwa urwa Leta byemezwa na Perezida wa Repubulika.</p>	<p><b><u>Article 66:</u> Integration of a person from another organ into Rwanda National Police</b></p> <p>The integration of a person from another security or government organ into Rwanda National Police is approved by the President of the Republic.</p>	<p><b><u>Article 66:</u> Intégration d'une personne provenant d'un autre organe au sein de la Police Nationale du Rwanda</b></p> <p>L'intégration d'une personne provenant d'un autre organe de sécurité ou de l'État au sein de la Police Nationale du Rwanda est approuvée par le Président de la République.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 67:</u> Ubutumwa bw'akazi</b></p> <p>Uburyo abapolisi bajya mu butumwa bw'akazi bugenwa n'amategeko abigenga.</p>	<p><b><u>Article 67:</u> Official mission</b></p> <p>The procedures through which police officers go on official mission are determined by the relevant legislation.</p>	<p><b><u>Article 67:</u> Mission officielle</b></p> <p>Les modalités selon lesquelles les policiers se rendent en mission officielle sont déterminées par la législation en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 68:</u> Kwemeza ireka ry'umurimo</b></p> <p>(1) Ireka ry'umurimo ku mupolisi w'umwofisiye ryemezwa na Perezida wa Repubulika.</p> <p>(2) Ireka ry'umurimo ku mupolisi utari umwofisiye ryemezwa na Minisitiri.</p>	<p><b><u>Article 68:</u> Approval of termination of service</b></p> <p>(1) The termination of service for a commissioned officer is approved by the President of the Republic.</p> <p>(2) The termination of service for a non-commissioned police officer is approved by the Minister.</p>	<p><b><u>Article 68:</u> Approbation de cessation de service</b></p> <p>(1) La cessation de service pour un officier est approuvée par le Président de la République.</p> <p>(2) La cessation de service pour un policier qui n'est pas officier est approuvée par le ministre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 69:</u> Ibindi byerekeye ireka ry'umurimo</b></p> <p>Ibindi byerekeye ireka ry'umurimo wa gipolisi bigenwa na sitati yihariye igenga abapolisi.</p>	<p><b><u>Article 69:</u> Other issues related to the termination of service</b></p> <p>Other issues related to the termination of service are determined by the special statute governing Police officers.</p>	<p><b><u>Article 69:</u> Autres sujets relatifs à la cessation de service</b></p> <p>Les autres sujets relatifs à la cessation de service sont déterminés par le statut particulier régissant les policiers.</p>



<b><u>UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE IX: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<p><b><u>Ingingo ya 70: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 71: Ingingo ivanaho</u></b></p> <p>Itegeko n° 46/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rigena ububasha, inshingano, imitunganyirize n’imikorere bya Polisi y’u Rwanda nk’uko ryahinduwe kugeza ubu n’izindi ngingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 72: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 70: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 71: Repealing provision</u></b></p> <p>Law n° 46/2010 of 14/12/2010 determining the powers, responsibilities, organisation and functioning of the Rwanda National Police as amended to date and all other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><b><u>Article 72: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 70: Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 71: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>La Loi n° 46/2010 du 14/12/2010 portant compétences, attributions, organisation et fonctionnement de la Police Nationale du Rwanda, telle que modifiée à ce jour et toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 72: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 17/05/2023

(Sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(Sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(Sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux